National Bank of Rwanda
Banki Nkuru y'u Rwanda

KN 6 Av.4/P.O. Box 531 Kigali-Rwanda
Tel: (+250) 788199000 /
Website: www.bnr.rw /
E-mail: info@bnr.rw /
Swiftcode: BNRWRWRW /
Twitter: @CentralBankRw

*The Governor*

# ITANGAZO

## Igipimo cy'Inyungu fatizo ya Banki Nkuru y'u Rwanda cyagumye kuri 4.5%.

Komite ya Politiki y'Ifaranga muri Banki Nkuru y'u Rwanda yateranye mu nama yayo ngarukagihembwe isanzwe, kuri uyu wa 12 Kanama 2020, igamije gushyiraho ingamba za politiki y'ifaranga. Inama yasuzumye uko ubukungu bw'isi n'ubw'u Rwanda bwifashe muri ibi bihe, isanga ingaruka z'icyorezo cya COVID-19 zarahungabanyije bikomeye iterambere ry'ubukungu, yanasuzumye kandi uruhare rw'ingamba zafashwe, n'uko ubukungu buzaba buhagaze mu gihe kiri imbere.

Inama ya Komite ya Politiki y'Ifaranga, imaze kubona ko igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro ku isoko kizagabanuka mu gihembwe cya nyuma cy'uyu mwaka ugereranyije n'uko bihagaze ubu, yafashe icyemezo cyo kurekera igipimo cy'inyungu fatizo Banki igurizaho amabanki kuri 4.5%, mu rwego rwo gukomeza korohereza ishoramari. Iki cyemezo, hamwe n'izindi ngamba Leta yashyize mu bikorwa, bizafasha amabanki gukomeza gushyigikira ibikorwa by'iterambere zitanga inguzanyo ku bikorera no ku baturage muri rusange.

## Ubukungu bw'Isi bwitezwe ko buzazahazwa n'ingaruka z'icyorezo cya COVID-19

Raporo y'Ikigega Mpuzamahanga cy'Imari (IMF) yo muri Kamena 2020, yerekana ko ubukungu bw'Isi buzasubira inyuma ku kigero cya 4.9%, mu gihe bwari bwazamutse ho 2.9% mu mwaka wa 2019, ikigero cy'ihungabana kitigeze kibaho mu mateka ya vuba. Hirya no hino ku Isi, iki cyorezo cyahungabanyije byinshi, harimo, koreka imbaga, guhagarika ubuhahirane hagati y'ibihugu n'ubw'imbere mu Gihugu, urujijo kuri ejo hazaza, ihindagurika rikabije ku isoko ry'imari, igabanuka ry'ibikorwa by'iterambere, kubura no gutakaza akazi ku bantu benshi hamwe n'igabanuka rikabije ry'ibiciro by'ibicuruzwa by'ibanze ku isoko mpuzamahanga. Hateganyijwe ariko ko ubukungu bushobora kuziba iki cyuho no kuzamuka mu mwaka wa 2021.

## Ubukungu bw'imbere mu Gihugu bwizewe kuva mu ngorane zatewe na COVID-19

Mu gihembwe cya mbere cya 2020, umusaruro mbumbe w'imbere mu Gihugu wazamutseho 3.6% ugereranyije n'izamuka rya 6.1% ryabonetse mu gihembwe cya mbere 2019. Ibipimo

ngenderwaho mu gusesengura uko ubukungu buhagaze, byerekana ko buzarushaho guhungabana mu gihembwe cya kabiri cy'uyu mwaka wa 2020. By'umwihariko, igipimo Banki Nkuru yifashisha mu kugenzura aho ubukungu bwerekeza (CIEA) mu gihe gito kizaza, cyagabanutseho 8.8% mu gihembwe cya kabiri 2020 mu gihe cyari cyazamutseho 16.5% mu gihembwe cya kabiri, umwaka wa 2019.

Nyuma y'isubukurwa ry'ibikorwa by'iterambere, bitewe n'inkunga zinyuranye za Guverinoma n'ikomorerwa ry'ibikorwa by'ubukungu hirya no hino ku isi, hitezweko ubukungu bw'u Rwanda buzazamuka mu mezi atandatu ya nyuma y'uyu mwaka. Ibi kandi bikaba bigaragarira ku izamuka rya 8.4% muri Kamena 2020 ugereranyije na Kamena umwaka ushize ry'igipimo Banki Nkuru yifashisha (CIEA) mu gusuzuma icyerekezo cy'ubukungu.

### Ubushobozi bw'Igipimo cy'inyungu fatizo ya Banki Nkuru bwo guha icyerekezo ibindi bipimo by'inyungu ku isoko ry'Imari bukomeje kwiyongera

Iyi politiki y'Ifaranga ikomeza korohereza ishoramari, yatumye inyungu ku yandi masoko y'imari mu gihugu zigabanuka. Mu mezi atandatu ya mbere y'umwaka wa 2020, inyungu ku nguzanyo zitangwa n'amabanki yaragabanutse, igera kuri 16.14% ivuye kuri 16.64% mu mezi atandatu ya mbere y'umwaka wa 2019, ibi bikazafasha mu gukomeza gushyigikira iterambere ry'ubukungu.

### Nta hindagurika rikabije ryagaragaye ku isoko ry'ivunjisha

Ifaranga ry'u Rwanda, ugerereranyije n'idolari ry'Amerika ryataye agaciro ku kigero cya 2.3% muri Nyakanga 2020, mu gihe ryari ryagatakaje ku kigero cya 2.6% muri Nyakanga 2019. Nta hindagurika rikabije ryitezwe ku isoko ry'ivunjisha, ubwizigame bw'Igihugu mu madovizi mu mpera za Nyakanga 2020, bubasha gufasha gutumiza ibicuruzwa mu mahanga mu gihe cy'amezi 6.3.

### Igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro ku isoko giteganyijwe kugabanuka uhereye mu gihembwe cya gatatu cy'uyu mwaka wa 2020

Mu gihembwe cya kabiri cy'uyu mwaka wa 2020, igipimo rusange cy'ihindagurika ry'ibiciro ku isoko cyari ku kigero cya 8.7% kivuye ku 8.2% mu gihembwe cya mbere cy'uyu mwaka ugereranyije n'ibihe nk'ibi by'umwaka ushize, bitewe ahanini n'izamuka ry'ibiciro byishyurwa ku ngendo z'imbere mu Gihugu.

Mu gihembwe cya gatatu cy'uyu mwaka, iteganyamibare ryerekana ko n'ubwo igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro ku isoko kizakomeza kuba ku kigero cyo hejuru, kizaba munsi gato y'uko biri ubu. Mu gihembwe cya nyuma cy'uyu mwaka, biteganyijwe ko igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro kizagabanuka kikaba munsi y'igipimo fatizo Banki Nkuru igenderaho cya 5.0%. Bitewe n'izamuka ry'ibiciro byo gutwara abantu imbere mu gihugu, igipimo mpuzandengo cy'ihindagurika ry'ibiciro ku isoko kizazamuka ku kigero cya 6.9% muri uyu mwaka wa 2020, aho kuba 6.0% nk'uko byari byitezwe mu iteganyamibare ryakozwe muri Mata 2020.

**Ingamba zo guhangana n'ingaruka za COVID-19 ku bukungu bw'Igihugu**

Ingamba zafashwe na Banki Nkuru muri Werurwe 2020, mu rwego rwo gufasha amabanki kubona amafaranga ahagije yo gushyigikira ishoramari zatanze umusaruro. Urwego rw'amabanki rwabashije kubona miliyari 23.4 aturutse ku igabanuka ry'igipimo cy'ubwizigame butegetswe muri Banki Nkuru cyavuye kuri 5% kikagera kuri 4% ku wa 01 Mata 2020. Banki kandi yashyizeho inguzanyo y'ingoboka igenewe amabanki ingana na miliyari 50 z'amafaranga y'u Rwanda ku nyungu fatizo ya Banki Nkuru. Byongeye kandi, Guverinoma y'u Rwanda yashyizeho Ikigega kirimo miliyari 101 z'amafaranga y'u Rwanda, kigamije kuzahura ubukungu "Economic Recovery Fund", hatangwa inyunganizi ku nzego z'ubukungu zazahajwe n'ingaruka z'icyorezo cya COVID-19, kugira ngo zibashe kuzanzamuka, kubyutsa ibikorwa byazo no kubungabunga imyanya y'imirimo yari isanzwe. Izi ngamba zose zafashije mu kongera igipimo cy'imari ikeneye mu bukungu bw'Igihugu.

Komite ya Politiki y'Ifaranga izakomeza gukurikiranira hafi ubukungu bw'Igihugu n'ubw'Isi muri rusange, kandi yiteguye gufata ingamba zikwiye, igihe cyose bibaye ngombwa.

Ku wa 12 Kanama, 2020

**RWANGOMBWA John**

**Guverineri akaba**

**n'Umuyobozi wa Komite ya Politiki y'Ifaranga**

**muri Banki Nkuru y'u Rwanda**